


IKINYARWANDA II

027

09/11/2016 8.30am -11.30am



IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2016

IKIZAMINI: IKINYARWANDA II

AMASHAMI: - ENGLISH-FRENCH-KINYARWANDA (EFK)
- ENGLISH -KISWAHILI-KINYARWANDA (EKK)

IGIHE KIMARA: AMASAHA 3

AMABWIRIZA:

- 1) Andika amazina yawe na nomero yawe ku ikayi y'ibisubizo nk'uko byanditswe kuri "Registration form" ariko ubujijwe kubandika ku mpapuro z'inyongera uhabwa bibaye ngombwa.
- 2) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
- 3) Ikizamini kigizwe n'ibibazo 20 bigabanyije mu bice bibiri by'ingenzi:
 - **Igice cya mbere: UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI (amanota 85)**
 - I. Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 11)
 - II. Inyunguramagambo (amanota 10)
 - III. Ikibonezamvugo (amanota 26)
 - IV. Ubuvanganzo n'ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 38)
 - **Igice cya kabiri: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**
- 4) Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
- 5) Subiza muri make utarondogoye.
- 6) Amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo ntagire aho agaragara handi hatari ahabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
- 7) Irinde gusiribanga no guhindagura ibisubizo.

Umwandiko wa mbere: IMVANO Y'IZINA "INGANGURARUGO"

Izina "Ingangurarugo" ryakomotse ku matwara y'abana babyirukanye na Sezisoni na we akiri umwana muto. Ubwo abana b'abatutsi n'ab'abahutu babaga mu rugo rwa nyirakuru Nyiramavugo Nyiramongi baramukeje ngo abahake. Bageraga nko kuri mirongo itatu, barimo Bisangwa bya Rugombituri wareranywe na Sezisoni kwa Rwogera, bakabamo na Mugugu wa Shumbusho. Abo bombi ni bo baje kugira ubutoni bw'akadasohoka kuri Rwabugiri, rubanda bakurizaho kubyita urutwe rwa Bisangwa na Mugugu, ari byo kuvuga uburinganire mu butoni cyangwa urukundo rureshyeshya ababiri.

Nuko Sezisoni ahimbazwa n'abo bana arabahaka, abahakisha inka z'ibyondo. Bakaziragira mu buryo bwabo, bakazibyagiza, bakajya kumasha uruti n'intembe, bakarasa imbeba n'inyoni n'ibindi. Uko bamasha uko, abahungu b'ibwami babitegereza bakabatangarira. Ni bwo rimwe uwitwa Sakufi yabyatuye mu gitaramo abogereza Rwogera, araterura, ati "hariya hari abana babana na Sezisoni ariko bazi kurasa bitari nk'iby'abandi bana. Aho bazakurira, bitege!" Rwogera arabyumva aribika mu mutima.

Biba aho, abana bajya kwa Rwogera bakumva abakuru birahira Rwogera na ba shebuja. Rimwe Bisangwa abaza Sezisoni ati: "Mbese ko abandi birahira ba shebuja ngo babahaye inka, twebwe ko turi abahange bawe tuzakwirahira ryari?" Abakuru bumvise iyo mvugo bati: "Muzamwirahira yabonye inka zo kubagabira." Rwogera n'abahungu baraseka. Abana bageze kwa Nyiramavugo, babaza Sezisoni bati: "Ko bavuga ngo tuzakwirahira watugabiye, inka uzatugabira zizava hehe?" Undi ati: "Nzazisaba abatware ba data nzibahe." Ubwo ajyana na bo kwa Nyirimigabo. Agezeyo aramubwira ati: "Nzanywe no kugusaba inka zo kwihera abagaragu bange." Nyirimigabo amuha inyana z'ubushyo.

Sezisoni azigabiye abo bagaragu be ntizabakwira. Abwira abazibuze ati: "Namwe nzabasabira Rwogera izanyu." Abana barashega bati: "Jya kuzimusaba uyu munsu natwe utugabire." Sezisoni ajya kwa se ati: "Nje kugusaba inka zo kwihera abagaragu kuko izo Nyirimigabo yampaye zitabakwiye." Rwogera asubiza Sezisoni ati: "Sinabonye ufite inka nyinshi!"

Wabagabiye mu zawe se?” Ubwo yamubwiraga za zindi z’ibyondo abana babumbaga. Sezisoni arahora agenda arakaye n’abahange be. Ageze imuhira arega Rwogera kuri nyirakuru Nyiramavugo ati: “Ubonye Rwogera ngo musabe inka zo kwihera abagaragu, maze ambwire ngo nimbagabire iz’ibyondo?” Nyiramavugo ati: “Reka aho mwana wange nzakwihera izawe ubagabire.”

Hagati aho Rwogera ajya ku karubanda asanga abahungu aho bakina: bamwe batera ingata, abandi basimbuka inkiramende, abandi nabo barasana impiru. Abibonye bimwibutsa ba bana babana na Sezisoni arabahamagaza. Baraza n’uduheto twabo. Abategeka gufora. Bose bafora neza barabishimirwa. Babashingira uruti baramasha. Baruhamyanya bese bitangaza abakuru. Batera imyambi, na bwo barabishimirwa. Bigeze mu mashoka, Rwogera ajya iwe mu rugo ahamagaza inzoga aha abahungu, abana babazanira ikigage baranywa. Mu gihe bakinywa, abana bahangama Rwogera bati: “Tubwire igihe uzahera Sezisoni inka azatugabire natwe tuge tumwirahira.” Rwogera arabihorera. Abahungu bati: “Mbese ko bakubaza ntusubize biragenda bite?” Undi ati: “Nabonye ari abakogoto bararebe uwo batera bamunyage!” Abana barita mu gutwi barahora.

Barashyira barataha. Bageze kwa Murorunkwere baramubaza bati: “Ko Rwogera atubwiye ngo turebe aho inka ziri tuhatere tuzinyage, none ntaho waturangira?” Murorunkwere ati: “Nimuge mu Ndorwa ni ho haba inka nyinshi.” Baravugana bati: “Kandi ga koko muraze tugeyo.”

Barigendera bajya kurasa imbeba. Bugorobye barahindura. Mu mahindura, umwe muri bo arababwira ati: “Ba sha! Muraze dutere intarama za Rwogera tuzinyage tutagombye kujya mu Ndorwa!” Imigambi barayinoza. Sezisoni abwira Nyiramavugo ati: “Ngiye gutera Rwogera munyage inka nabonye iwe!” Umugabekazi yumvise ayo magambo aramutesa ati: “Genda umutere.” Ubwo atuma kuri Rwogera ati: “Witegure Sezisoni araguteye n’ingabo ze.” Babigira ibitwenge by’amadago.

Mu gihe bakibirimo, iza Sezisoni ziba zigeze ku karubanda ibyivugo zibivaho. Imyambi zirayirekera. Ibwami bati: “Karabaye!” Abana biroha mu ntarama barazishorera. Abashumba barajumarirwa birabayobera, ibwami biba

urujijo n'ibisetso bati "izi ngangurarugo tuzikitse dute?" Rwogera agiye kubarakarira, abahungu bati: "Wirakara ni wowe waraye ubabwiye ngo aho bazabona inka bazazinyage!" Arabatumiza n'inka banyaze arababaza ati: "Kunyagira inka hari umwenda mbabamo cyangwa se mwarampatse?" Barahora. Arababwira ati: "Cyo nimurekere aho nigure." Abaha inka zibakwiriye, barataha, izasagutse azirekera Sezisoni. Noneho abari aho bati: "Ni ingabo nk'izindi muzishakire izina!" Bamwe bati: "Ntarindi ritari 'Ingangurarugo' kuko ntawundi wahangaye kugangura urugo rw' ibwami." Nuko izina rifata ubwo rirahama. Aho Rwabugiri amariye kwima ingoma, indi mitwe y'ingabo baremye ikaza isanga uw'ingangurarugo babyirukanye, baba batyo umutwe w'umurangangoma ya Rwabugiri.

IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI

I. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (AMANOTA 11)

- 1) Izina Nyiramavugo ryahabwaga umuntu umeze ute? **(inota 1)**
- 2) Vuga amasano Sezisoni yari afitanye n'aba bantu bakurikira: **(amanota 2)**
 - (a) Nyiramavugo
 - (b) Rwogera
 - (c) Rwabugiri
 - (d) Murorunkwere
- 3) Ni irihe zina ry'ubwami rya Rwogera? **(inota 1)**
- 4) Garagaza ibintu bitatu byerekana ko abahange ba Sezisoni bari bafite gahunda nk'iy'abantu bakuru. **(amanota 3)**
- 5) Ni iki kitwerekana muri uyu mwandiko ko kera babaraga igihe bahereye ku matungo? Tanga izindi ngero eshatu zigaragaza uko kera babaraga amasaha bagendeye ku matungo. **(amanota 4)**

II. INYUNGURAMAGAMBO (AMANOTA 10)

- 6) Sobanura amagambo akurikira ari mu mwandiko: **(amanota 5)**
 - (a) Kumasha :
 - (b) Abahange :
 - (c) Impiru :
 - (d) Abakogoto :
 - (e) Kugangura urugo :

- 7) Andika impuzanyito z'aya magambo akurikira ukoresheje ari mu mwandiko : (amanota 5)
- (a) bakuranye :
 - (b) abantu:
 - (c) yabivugiye ku mugaragaro:
 - (d) barumirwa:
 - (e) araceceka:

III. IKIBONEZAMVUGO (AMANOTA 26)

- 8) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho umurongo: (amanota 4)
- (a) Bose baratangara cyane bati «Dore ba bana noneho ibyo bakoze !»
 - (b) Rwogera arababwira ati: «Ibyiza ni uko mwareba uwo mwanyaga inka.»
- 9) Ubushakashatsi bwagaragaje ko igicumbi "**gabo**" ari cyo gishobora kujya mu nteko nyinshi z'amazina y'Ikinyarwanda. Tanga amazina icumi (10) ashobora gufata icyo gicumbi n'inteko zayo hanyuma uyakoreshe mu nteruro ngufi.
- Ikitonderwa:** Ijambo rimwe rikoreshe mu nteruro imwe. (amanota 10)
- 10) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe mu magambo aciyeho umurongo: (amanota 12)
- (a) Nk'uko byavuzwe haruguru, ni ukubisoma witonze.
 - (b) Hemejwe ko Ikinyarwanda kizajya gikorwa mu bizamini bya Leta.
 - (c) Ibitabo byakoreshejwe si ngombwa ko bijugunywa kuko biba bigifite akamaro.

IV. UBUVANGANZO N'UBUMENYI BW'URURIMI (AMANOTA 38)

- 11) **Ubutinde b'imigemo n'imiterere y'amasaku:**
- (a) Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso. (amanota 6)
 - (i) Gukomera (kuvugiriza induru) ≠(kutoroha)
 - (ii) Abatoze (koga)..... ≠ (gutoza)
 - (iii) Kubaza (imbaho)≠(ikizamini)

(b) Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso kuri iyi nteruro:

(amanota 5)

Rwabugiri ahimbazwa n'abo bana arabahaka, abahakisha inka z'ibyondo.

(c) Andika amagambo atanu dusanga muri uyu mwandiko ashobora gutandukanywa n'andi bitandukanijwe n'ijwi shingiro rimwe ugaragaze ayo bishobora gutandukana.

(amanota 5)

12) Erekena ahantu ushobora gukoresha akuguruzo n'akugarizo kamwe mu myandikire y'Ikinyarwanda, nyuma utange interuro ibigaragaza.

(amanota 2)

13) Ibihangano bikurikira byahanzwe na ba nde?

(amanota 3)

(a) Inzira ya muntu

(b) Isiha rusahuzi

(c) Giramata

Umwandiko wa kabiri:

Musaninyange aza kunsura

Yaje wese yisukuye,

Urusogo rw'umuteto w'ubutoya

Rukimutemba amatama yombi,

Uko atambutse agatengerana.

Yanze ya manywa rwahangu,

Ngo ejo uruhayi rw'iryo zuba,

Rutamuziga uruti agahwera,

Dore ko ari agati ka gitondo

Imirase ihungira kagahonga.

Narategereje nca uwo mutaga,

Ntabwo nateshutse na gatoya

Umutima uterekeye iribori.

Ni ikirenga we azaramba,

Ntiwarambirwa kumureba,

N'iyu urengeje icyumweru

Uba ukimurangamiye umurata.

Ubwe agira ibyuzo by'ubudatuza,

Bikaba ibyuzuzo by'uburanga
Iyamwihangiye yamuhaye.
Ge nararebaga ndunguruka,
Nkamuririmba nkarindagira,
Mu nzu hose boshye uzonzwe
N'inzozi nyinshi z'urujijisho.
Inzu yari yenze kwijima gato
Ndeba umunsi ukondakonda
Ukuba kiberinka uyegeranya,
Imirase mu ijuru ry'umujijima
Igasurusumba insomya amahembe.
Yoga mu nzu ihagira inyanja
Nayo ngo isanganiye iyo nyange.
(.....)

Ibibazo ku mwandiko wa kabiri :

- 14) Tanga umutwe w'uyu mwandiko. **(inota 1)**
- 15) Uyu mwandiko wanditswe na nde? Tanga amazina y'ibitabo bibiri yanditse. **(amanota 3)**
- 16) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe. **(amanota 2)**
- 17) Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko: **(amanota 5)**
- (a) Urusogo rw'umuteto:
 - (b) Amanywa rwahangu:
 - (c) Uruhayi rw'izuba:
 - (d) Guca umutaga:
 - (e) Umunsi ukondakonda:
- 18) Sobanura ishushanyamvugo n'imizimizo iri mu mikarago ikurikira: **(amanota 4)**
- (a) Urusogo rw'umuteto w'ubutoya.
 - (b) Dore ko ari agati ka gitondo.
- 19) Garagaza umubare w'utubeshuro (utubangutso) mu mikarago ibiri ibanza. **(amanota 2)**

IGICE CYA KABIRI: IHANGAMWANDIKO (AMANOTA 15)

20) Hitamo **imwe** muri izi nsanganyamatsiko uyandikeho ukurikije ibisabwa:

- (a) Hanga umwandiko muremure w'imirongo mirongo itatu (30) n'amagambo atari muni ya magana abiri na mirongo itanu (250) kuri iyi nsanganyamatsiko :

« Ubutwari butangira kare kandi bugaharanirwa ».

Ugaragaze ingingo enye zishyigikira ibitekerezo byawe.

- (b) Kora inyandiko mvugo y'inama y'ababyeyi barerera mu Rwunge rw'Amashuri rwa MUTAHO.
Iyo nyandiko mvugo uyikore mu mazina ya MONDOYABWIZA Anasitazi.

Ikitonderwa: Nuramuka wanditse ku nsanganyamatsiko zirenze imwe, zombi zizaba imfabusa.